# KANGURA

100 FRW






KA02 1155

UBWISANZURE BW'ITANGAZAMAKURU NI KIMWE MU BIPIMO BIGARAGAZA KO MU GIHUGU HARI DEMOKARASI NYAYO.

# GUSHYIGIKIRA PEREZIDA HABYARIMANA NI UKUMUBWIZA UKURI NO KURUSHAHO KWIYUMVISHA KO UBUTEGETSI ARI UBW'ABATURAGE, BUTANGWA N'ABATURAGE, BUKORERA ABATURAGE.

**MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BW'ABATURAGE BUSHINGIYE KU MASHYAKA MENSHI TURASHAKA ISHYAKA RYO KUZAMURA RUBANDA NYAMWINSHI.**

**BATURAGE MURAMENYE ! MWITONDERE LUNARI Y'IKI GIHE : FPR na UPR ZIYISE INKOTANYI.**






N° 7


KIGALI


KA02 1156


## Gusoma **KANGURA** ni ugushyigikira Demokarasi, gusoma **KANGURA** ni ukumenya ibizaba mu gihe kizaza. Kubika buri nimero ya **KANGURA** ntako bisa, kuko ari nka Banki y'Amateka.

## ESE IZI NIMERO WARAZIBONYE?










## IZO UTARABONA BARIZA KURI

### GISENYI INFO. B.P. 1312 KIGALI B.P. 19 GISENYI.


*Editeur - GISENYI-INFO*
*Le coutenu des articles engage l'auteur et l'éditeur*

*Sur les presses de la Régie de l'Imprimerie Scolaire*

# EDITORIAL

KA02 1157

## GUSHYIGIKIRA PEREZIDA HABYARIMANA NI UKUMUBWIZA UKURI NO KURUSHAHO KWIYUMVISHA KO UBUTEGETSI ARI UBW'ABATURAGE, BUTANGWA N'ABATURAGE, BUKORERA ABATURAGE.



**Umuyobozi wa KANGURA.**

*Abahanga mu bya demokarasi nka SPINOZA na ROUSSEAU bemeza ko nta demokarasi idashingiye ku bwisanzure bw'abaturage mu kwigenera uburyo bagomba gutegekwa no kuyobora igihugu cyabo* ***(Etudes sur la théorie démocratique)****. J. DABIN we yemeza ko ubutegetsi buhagararira abaturage, bukaba nta burenganzira bwabwo bwite bugira uretse ubwo buhabwa n'ababatumye ngo bubakorere ibyo batashobora gukorera mu kivunge (Doctrine générale de l'Etat: éléments de philosophie politique). Icyo gitekerezo ni nacyo cyemezwa na LECLERC C. mu gitabo yanditse cyitwa «****Institutions politiques et droit constitutionnel****». J. DABIN yanasobanuye ku buryo buboneye ko umutegetsi utegekesha igitugu ari ufata ibyemezo bidashingiye ku gushaka kw'abo ayobora agakoresha igikabwe n'iterabwoba kugira ngo bikurikizwe.*

*Umuntu wese rero wahera ku bushishozi bw'izo ntiti yakwemeza ko demokarasi idashobora kubaho kandi ko ntawakwitwaza demokarasi abuza abaturage gufata ibyemezo cyangwa kugaragaza ibyifuzo byabo ku bibazo bibareba. Ibyo bikorwa mu matora uyatsindiwemo akamenya ko ibye bidashakwa na rubanda. Ubuza rero abaturage kwifatira ibyemezo, cyangwa kugaragaza ibyifuzo byabo, aho yaba ava hose, uwo yaba ari we wese ni dictateur (utegekesha igitugu).*

*Mu Rwanda, Perezida HABYARIMANA ntahwema kwibutsa abafasha be ko bagomba kwegera abaturage, bakumva ibitekerezo n'ibyifuzo byabo ndetse n'ibyo baba banenga mu migendekere y'imirimo iyi n'iyi* ***(Transparence, Concertation)****.*

*Perezida HABYARIMANA ahora afata iya mbere atanga urugero. Haba mu ngendo akorera muri za Perefegitura, Komini haba mu mibonano n'abaturage, mu manama rusange, n'abikorera ku giti cyabo, abakozi ba Leta, ba Burugumesitiri ba Perefe, ba Minisitiri ndetse no mu mahanga. Yewe no ku rugamba yagiyeyo rugikubita!* ***(Solidarité)****.*

*Nyamara bamwe mu bafasha be bitereye agati mu ryinyo bakorera mu bwiru bakoresha igitugu n'iterabwoba bifashishije imyanya bahawe.*

*Ese nawe abaturage bazatungira agatoki ubutegetsi bati ibi n'ibi bigenda nabi turifuza ko bigenda gutya na gutya cyangwa bati turifuza ko abategetsi babishinzwe badusobanurira. Noneho umutegetsi runaka niyumva ari we bavuze arushe intare kurakara akwize hose ndetse atinyuke kuvugira kuri Radiyo ngo ibyo ni impuha zo gutera umwuka mubi no gutanya abaturage! Nyamara bifitiwe ibimenyetso!*

*Maze bigambe mu manama yose ngo uwabyanditse ni ukumufunga n'uyobora aho byacapiwe ngo ni ukumusezerera! Kandi ngo ni ukubuza amacapiro cyane cyane aya Leta kwandika ibintu ngo bisebya abategetsi. Nyamara se Icapiro rimwe rya Leta (INR) ntiryabuze akazi nyamara abo bategetsi birukankana akazi mu macapiro y'Inkotanyi.*
*Yewe ukuri guca mu ziko ntigushye kandi ngo iyo bavuze ibigoramye umuhoro urarakara!*

*Ese abo bategetsi bazi ko bashyirwaho n'abaturage? None se! abaturage twitoreye Perezida HABYARIMANA. Abo ashyize mu myanya iyi n'iyi baba bashyizweho n'abaturage no kugira ngo bakorere abaturage bashingiye ku byifuzo no ku bitekerezo byabo.*

*Kwanga gusobanurira abaturage mu byo Umutegetsi uyu n'uyu ashinzwe gukorera abaturage, kutumva ibitekerezo n'ibyifuzo byabo, gukoresha iterabwoba no gutegekesha igitugu ni ukudashyigikira Perezida HABYARIMANA.*

*Abategekesha igitugu n'iterabwoba ni bya birura n'ibirumirahabiri byiyirwa bishinga ibikwasi Umukuru w'Igihugu byarangiza bikamubeshya ngo «* ***Perezida HABYARIMANA TURI KUMWE TURAGUSHYIGIKIYE*** *».*

*Perezida HABYARIMANA ni Umugabo ukunda ukuri. Uzi gushishoza kandi ntahubuka. Ahora ashyigikiye ko ntawe ugomba kuniganwa ijambo. Abafasha be bakwiye gutera mu ntambwe ye, bamwe bakiyumvisha kurushaho kumushyigikira ari ukumubwiza ukuri kandi ko ubutegetsi ari ubw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage.*

*Bamwe mu bafasha be nibarusheho kwegera abaturage, bumve ibitekerezo n'ibyifuzo byabo bareke kwitwaza imyanya bahawe n'abaturage bakoresha iterabwoba, bategekesha igitugu, bakomeza no gukorera mu bwiru budindiza amajyambere.*

*Iyo niyo nzira izashimangira Demokarasi, ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage.*

*Gushyigikira Perezida HABYARIMANA rero ni ukumubwiza ukuri no kurushaho kwiyumvisha ko ubutegetsi ari ubw'abaturage butangwa n'abaturage, bukorera abaturage.*

*Twebwe rero tuzakomeza kumubwiza ukuri dutange ibyifuzo n'ibitekerezo by'abaturage kugira ngo tudasubira inyuma mbere ya 1959 n'ibyo twagejejweho na Revolisiyo ya 1959 na Revolisiyo mvugururamuco ya 1973 bikaba bitadupfira ubusa.*

*LA REDATION*

KA02 1158

# MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BW'ABATURAGE BUSHINGIYE KU MASHYAKA MENSHI TURASHAKA ISHYAKA RYAZAMURA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA021158

Dukurikije ko Demokarasi ari ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage bukorera abaturage, turasanga ari ngombwa ko u Rwanda rugendera ku butegetsi bw'abaturage bushingiye ku mashyaka menshi.

Kuvuga ko habaho amashyaka menshi, ni ukuvuga ko hashyirwaho uburyo bwinshi abaturage bashobora gutangiramo ibyifuzo n'ibitekerezo byabo, kandi bakishyiriraho ubutegetsi bashatse. Bityo bakaba bafite uburyo bunyuranye bashobora kwisanzuriramo bajya impaka ku bibazo by'igihugu cyabo no kubibonera umuti nyawo.

**Ese ubwo buryo azaba ari bubiri, butatu se, bune se ...?**

Ibyo ari byo byose, u Rwanda ni igihugu kimwe kandi amategeko akigenga ni amwe kuri bose. Abanyarwanda benshi babana kivandimwe, ibyo bikoroshywa n'uko bavuga n'ururimi rumwe: ikinyarwanda. Abanyarwanda benshi (95%), bahujwe n'umurimo umwe: imirimo y'amaboko. Ku buryo rero bakwiye gukomeza gushyira hamwe kubana kivandimwe, no kubera ko batahiriza umugozi umwe: Amajyambere y'Igihugu cyabo.

Niyo mpamvu twasanze ko ishyaka ryakwitabirira kubumbira hamwe rubanda nyamwinshi, rigamije kuruzamura, kugira ngo rugere ku majyambere ariryo rikwiye gushyigikirwa. Iryo shyaka rikaba ryakwitabirira kubumbabumba **ubumwe** bw'abanyarwanda (abahutu, abatutsi n'abatwa), **amahoro** yabo, **ubutabera n'ubwigenge** bwabo, yuko tubona ari byo nkingi nyakuri yo guteza igihugu imbere.

**Ese iryo shyaka ryaba ari irihe? Ryakwitwa ngo iki?**

N'ubwo amashyaka yose atarigaragaza, kubera impamvu z'Itegeko Nshinga ritarahinduka, ku bwacu tubona ari M.R.N.D. ivuguruye. **Muti ese kuki?**

**Icya mbere:**

Abenshi tuzi amavu n'amavuko ya M.R.N.D. n'ibyo yagejeje ku banyarwanda.

Ibya ngombwa twakwibutsa ni ibi:

— kugarura ubumwe mu banyarwanda bari bamaze iminsi baryana no kugerageza kurandura ibisigisigi bya gihake;
— gushimangira amahoro kugira ngo imirimo ishobore kwitabirirwa;
— ibikorwa remezo mu nzego nyinshi:
  - imihanda
  - amazi n'amashanyarazi
  - amashuri
  - kwegereza abaturage ubutegetsi
— ubuhahirane n'ubutwererane n'amahanga;
— gucengeza mu banyarwanda ko bazazamurwa n'amaboko yabo;
— kuzamura imibereho y'abaturage bo mu byaro bifashishije imishinga itsura amajyambere.

Uretse rero ibizazane by'ibihe bibi byateye inzara mu turere tumwe na tumwe, n'imicungire mibi y'imishinga imwe n'imwe, intambwe yari imaze kugerwaho «Inkotanyi» zitaratera yari ishimishije. Niyo mpamvu rero n'ubwo ibikorwaremezo bimwe na bimwe byasenywe n'«Inkotanyi», inyenzi-nyangarwanda zanatonetse inkovu zo mu mibanire y'abanyarwanda, cyane cyane abahutu n'abatutsi, twari dukwiye gukomeza kunga ubumwe no kuvura ibye bikomere kugira ngo turusheho kwitabirira ibikorwa by'amajyambere y'igihugu cyacu «l'Union fait la force»!!

**Icya kabiri:**

Ingirwa mashyaka zimaze kwigaragaza, arizo LUNARI y'iki gihe: FPR na UPR ziyise «INKOTANYI» zagaragaje ko zidashyigikiye Demokarasi.

Inyinshi zagiye zihunga Demokarasi, izindi zatorotse u Rwanda zimaze kwigwizaho umutungo ndetse zinasahuye. Zumvise ko Perezida Habyarimana ashaka kugeza u Rwanda ku butegetsi bw'abaturage bushingiye ku mashyaka menshi, ziti: «turacikanywe, tugomba gutera u Rwanda bidatinze tugafata ubutegetsi ku ngufu za karachinkov, kubera ko tugiye mu by'amatora twatsindwa». Nibwo rero Inkotanyi ziteye, ziza zitsemba abaturage, zisenya ibikorwa by'amajyambere twari tumaze kwigereraho, zikoresheje intwaro n'ibitambambuga mu ntambara. Ubwo se uwashyigikira inkotanyi ni nde? Keretse uwanga amahoro, amajyambere na Demokarasi, ashaka ubutegetsi bwa gihake, bukoresha igitugu, iterabwoba kandi bukorera mu bwiru.

Ubutegetsi bwa gihake twabusezereye muri Revolisiyo ya 1959 no muri Kamarampaka yo muri 1961. Bwagiye nk'ifuni iheze. Niyo mpamvu rero twahamya ko M.R.N.D. ivuguruye izahangana n'andi mashyaka azavuka ikegukana umwanya wo kuyobora igihugu n'imyanya myinshi mu nteko Ishinga Amategeko. Gusa twakwibumbira hamwe, twanavura inkovu z'ibikomere twatewe n'inyenzi, inkotanyi nyangarwanda, ibirura n'ibirumira habiri bikwiye gusezererwa mu ishyaka ryacu kuko ntawakwihanganira kubangikana n'inkotanyi, kubera ko mu gihe twariho duharanira ubumwe n'amahoro, dutera intambwe mu majyambere, inkotanyi n'ibyitso byazo byo byaguraga imbunda mu mafaranga y'urwatubyaye, bicura n'umugambi wo kudutsemba.

Akaba ariyo mpamvu tubona KANGURA yarasohoye inyandiko zitwa «Plan de colonisation tutsi» na «Appel à la conscience des Bahutu», zitari zigamije gutanya abahutu n'abatutsi nk'uko bamwe mu nkotanyi n'ibyitso byazo byazitwaje. Ahubwo zari zigamije kwerekana akari ku mutima wa bamwe no kugira ngo buri wese yisuzume, yivugurure ashobore kubana n'undi kivandimwe nta buryarya, basenyere ko'ko hamwe, umugozi umwe wo kuzamura urwababyaye, aho kugira ngo bategane imitego.

MRND ivuguruye, yagendera ku mahame y'ubumwe, amahoro, ubutabera, ubwigenge n'amajyambere. Bityo ikaba yashobora kubumba rubanda nyamwinshi mw'Ishyaka rivuguruye kandi rishimangira ubwisanzure bw'abaturage mu nzira y'amajyambere.

*Umusomyi wa KANGURA.*

# BATURAGE MURAMENYE ! MWITONDERE LUNARI Y'IKI GIHE : FPR na UPR ZIYISE INKOTANYI.

KA02 1161

Mirasano Célestin
B.P. 126 GISENYI.

**3.500.000 réfugiés Tutsi ou un chiffre plutôt extravagant.**

**Le F.P.R. et ses jumeaux dont l'U.P.R. regroupant les « Inkotanyi » sont des mouvements négro-nazis assoifés de sang et de pouvoir.**

Les INKOTANYI continuent à marquer des points dans l'art du mensonge, de l'intoxication et de la désinformation.
Ce comportement perfide n'est pas étonnant pour qui connait l'UNAR des années 1960. Sous le sobriquet — Union Nationale Rwandaise — se cachait et se cache encore un racisme hitlérien mais pour tromper le monde, ils se disaient révolutionnaires et nationalistes en qualifiant de fantoches et de réactionnaires les partis de masse anti-monarchistes et anti-féodaux.

Le résultat fut tel que les pays communistes d'alors se rangèrent derrière ce parti de démagogues minoritaires et combattirent sans réserve les partis de la majorité. Il est vrai que les disciples de Marx et de Lénine privilégiaient la dialectique démagogique et stérile au détriment des intérêts des masses populaires. Le résultat est aujourd'hui connu !

L'UNAR de 1990, sous le sobriquet du « Front Patriotique Rwandais » cette fois, a changé de stratégie et pour parvenir à ses sombres fins, elle se fait chantre de la démocratie. Cependant au regard de son programme, il s'agit de la « démocratie populaire » actuellement exécrée par tous les peuples du monde à cause de l'autoritarisme, du dirigisme, du népotisme et de la dictature qu'elle engendre ainsi que de ses déboires en matière économique et sociale.

Les tenants obscurantistes de cette idéologie suranée sont sans aucun doute les dictateurs de Tripoli et de la Havane, maîtres à penser des INKOTANYI. Leur soutien matériel et idéologique à la cause des INKOTANYI n'est plus à démontrer.

Le choix de la démocratie à la cubaine semble anachronique en 1990 au moment où justement tous les peuples cherchent à s'en défaire.

Mais le Front Patriotique Rwandais ne peut faire autrement car c'est le seul système qui étouffe et piétine la majorité en toute facilité. Les INKOTANYI ont donc peur des urnes et le monde doit savoir que ces gens sont uniquement des assoiffés de sang et de pouvoir.

L'intoxication et la désinformation des INKOTANYI que le monde connaît depuis 1988 n'est qu'une composante intégrale de l'idéologie de ce mouvement revanchard, dépourvu des règles élémentaires de la morale humaine.
Ce qui est écœurant en tout ça, c'est que l'opinion occidentale — que je croyais mature — avale toutes ces balivernes sans discernement.

Voici, pour illustrer cette idéologie crapuleuse, l'un des mensonges avancés par les INKOTANYI ces derniers jours. C'était dimanche 21 novembre 1990 à 21 h 00 (heure de Kigali) quand un journaliste de la T.V. zaïroise lança l'intoxication suivante : « *L'Afrique compte 6 M** de réfugiés dont 3,5 M de Rwandais ». Et d'ajouter que ces 3,5 M de réfugiés Rwandais sont recensés par le H.C.R.
Incroyable, plus d'1 réfugié sur 2 en Afrique est Rwandais !
Un fait est certain : le Rwanda possède ses émigrés vivant dans les pays limitrophes.
Le Rwanda ayant toujours été surpeuplé, du moins en rapport à ses voisins, le Colonisateur le considérait comme un réservoir de main d'œuvre. D'où le départ forcé des rwandais vers les régions limitrophes (Uganda, Zaïre, Tanzanie) pour les mettre en valeur.

D'autres Rwandais ont émigré pour fuir les travaux forcés et la chicotte du régime féodo-monarchique tutsi. Il y en a aussi qui partirent de leur gré pour chercher du travail (*abapagasi*) du temps d'un Uganda prospère. Certains d'entre eux s'installèrent définitivement mais d'autres allaient et revenaient.

Un nombre infime de réfugiés Tutsi par rapport aux émigrés est parti en 1959 — 1963 en fuyant la révolution sociale et démocratique.
Enfin, considérons l'histoire : le pays perdit, pendant la période coloniale un territoire d'une superficie égale à celle du Rwanda actuel au profit surtout de l'Uganda et du Zaïre. Et ce territoire perdu n'était ni une réserve d'animaux ni un désert sablonneux : il y avait des hommes et ces hommes-là y sont tous restés !

De tout cela, certaines questions méritent bien être discutées :

1. Les INKOTANYI considèrent-ils que émigré = réfugié ? L'opinion internationale et les pays voisins du Rwanda, l'entendent-ils de cette même oreille ?
2. Les Rwandis restés dans l'ancien territoire du Rwanda ne sont ni émigrés ni réfugiés. Si tel était le cas, les pays qui les hébergent et qui sont les leurs, nous rendraient à la fois les hommes et la terre. Une terre et des hommes que le Rwanda n'a jamais réclamé, au profit de la paix entre les hommes et en vertu des clauses de l'O.U.A. sur le respect des frontières héritées de la colonisation.
3. Le H.C.R. a-t-il procédé à un recensement indépendant des réfugiés rwandais sans se laisser uniquement berner et intoxiquer par les INKOTANYI ? Si oui, ce chiffre phénoménal de 3,5, M est-il en proportion avec le nombre de réfugiés enregistrés en 1959 — 1962 par cette organisation ? ( de source du H.C.R. à Kigali, la *Relève n° 152* cite 441.200 réfugiés répartis dans les pays limitrophes ).
4. L'effectif de la population Tutsi en 1960 est bien connu en partant du nombre d'habitants que comptait le Rwanda à cette époque. Le Rwanda était en effet habité par 2.964. 940 âmes, soit 377.290 tutsis ( 14% ).

Pour que le nombre de réfugiés puisse s'élever à 3.500.000 habitants en 1990, établissons trois hypothèses :

(1) 1/3 des tutsis — soit 125.760 — a fui le Rwanda en 1960. Ils seraient avec un taux d'accroissement de 3,7%, environ **377.280** en 1990.

(2) La 1/2 des tutsis — soit 188.645 — se sont éxilés en 1960. Ils seraient avec le même taux, environ **565.935** réfugiés aujourd'hui.

(3) La totalité des tutsis — soit 377.290 — s'est exilé en 1960. Ils seraient

(*) M = millions.

KA02 1162

actuellement **1.131.870**, ce qui est loin du chiffre fictif de 3.500.000. Or tous les tutsis ne sont pas partis. Si le nombre de réfugiés tutsi s'élevait à 3.500.000 aujourd'hui; cela suppose qu'il y aurait eu plus de 1.000.000 d'exilés en 1960 au moment où l'effectif tutsi total était de 377.290 ! !

Faisons une remarque avant de continuer :

le nombre de Hutus exilés en 1960 est insignifiant. Seuls quelques protégés de la monarchie ont pu suivre le Roi déchu. L'effectif des réfugiés de 1973 ne comprend que quelques dizaines d'intellectuels et d'étudiants tutsi. Pour dire que le nombre de Hutus exilés en 1960 additionné à celui de 1973 ne comprend que quelques dizaines d'intellectuels et d'étudiants tutsi. Pour dire que le nombre de Hutus exilés en 1960 additionné à celui des réfugiés tutsi de 1973, ne peut en aucun cas influencer l'effectif des exilés tutsi en 1960 sachant également qu'un bon nombre est revenu se réinstaller.

Quelle est donc l'hypothèse la plus vraisemblable des trois ?

- Le Rwanda ne s'est pas vidé de la totalité de la population Tutsi en 1960. La preuve est que les tutsis continuent à représenter 14% de la population. Et si la moitié des Tutsis avait fui en 1960, ce pourcentage aurait chuté à 7%, ce qui est également invraisemblable.
- Admettons que le 1/3 des tutsis soit parti en 1960, portant ainsi à 377.280 le nombre des réfugiés en 1960. Ce chiffre paraît vraisemblable et se rapproche à peu près des statistiques détenues par le H.C.R. (441.200) à Kigali.

5. En grossissant démesurément le nombre de réfugiés, les INKOTANYI cherchent à atteindre les objectifs fallacieux dont notamment les suivants :

   - Ecarter le complexe de la minorité.
   - Faire frémir l'opinion internationale et l'amener à épouser leur cause ( comme c'est actuellement le cas ).
   - Récolter des fonds à travers le monde sous prétexte d'aider une population importante de réfugiés, mais en réalité pour acheter des armes.
   - Rwandiser les éleveurs Hima nomades de l'Ankole après avoir exterminé la majorité Hutu.

6. Mais en réalité d'où viennent les 3.500.000 réfugiés que les INKOTANYI brandissent à la face du monde ? Il s'agit tout simplement:

   a) des rwandais qui habitent les territoires qui appartenaient au Rwanda.

   b) des émigrés déjà cités partis bien avant la révolution de 1959.

   c) des éleveurs Hima ugandais à part entière.

   d) enfin, une frange infime de tutsis réfugiés en 1959.
   Ces réfugiés comprennent parmi eux des tutsis extrémistes et nostalgiques qui ne veulent que le pouvoir en exterminant une bonne partie de la composante bantou.
   Ils sont parfois très riches ou détiennent des postes de responsabilité dans l'administration militaire et civile de l'Uganda, du Burundi, du Zaïre voir même de la Tanzanie.

Le monde devrait savoir dès à présent que le Front Patriotique Rwandais et ses jumeaux ( UNAR, ABADAHA, UPR, RADER etc. ) sont des mouvements négro-nazis assoiffés de sang et de pouvoir.

# MBE KANGURA KO UKATAJE, NONE WAZATAKAZA ABATAKWANGAGA?

Kubona inama ya guverinoma iterana, Minisitiri w'Ubutabera agasaba ko biyama ibinyamakuru bimwe na bimwe, bigaragaza ko itangazamakuru ryigenga riteye impungenge abategetsi bamwe na bamwe.
*Kangura* ntiyaba iri mu binyamakuru byamaganwe? Byaba bibabaje cyane. Abasomyi benshi bayibera abagabo, icyakora harimo abibaza niba umurimo wayo iwukora neza, niba ifite umurongo igenderaho cyangwa se niba ikorera mu kajagari. Abandi bibaza niba abayandikamo batekereza ku ngaruka inyandiko zabo zishobora gutera, cyangwa se niba bandika bagamije izo ngaruka nyine. Tube nka ya nyamaswa yavuze iti «twisuzume» maze duhere ku nimero za *Kangura* zasohotse zose, turebe niba ari ikinyamakuru gikwiriye kwisubiraho.

Hari abavuga ko *Kangura* yaje itera ivumbi, icanye maremare mu muvuduko udasanzwe, nibwo abategetsi bahagaritse umushoferi wayo bati « have rwose, akariro gake na feri ». Shoferi yarahagaze, afata igihe gihagije arahuguka. Ariko aho yongeye guhagurukira, noneho si ukugenda araguruka.
Abantu bakibaza bati «ese uriya mugabo azagarukira he? Ese ko agenda kuriya, yikorera ku giti cye, cyangwa afite abamuyobora?» Abandi bati «ese abakorana nawe babona ari muzima, babona atazakora agisida ikamuhitana bitari ugufungwa gusa?»

Uwo mugabo NGEZE nanyarukiye iwe, turaganira, nsanga uriya muvuduko awuterwa no gukunda urwamubyaye. Navuye iwe mfata nimero za *Kangura* zose nongera kuzisoma nitonze, mbona ko atagamije guteza imvururu mu Banyarwanda, ko ahubwo asa n'ushaka kubakura muri kwa «gukira kwibagije gukinga», no kubibutsa ko tugomba gukaza umurego wo kubumbabumba amahoro n'ubumwe byo nkingi y'amajyambere.

Icyakora nasanze nanone afite agakosa ko kuvanga amakuru no kurwanya abantu bamwe ku giti cyabo. Nawe azi gushishoza, azi kandi ko nta mugabo umwe, ntiyanga abamugira inama. Ubwo yemeye ko iyi nyandiko isohoka, twizere ko n'ako gakosa azagakosora. Ikimurengera ni uko twzi twese ko mu ntambara imitwe y'abantu ishyuha n'itangazamakuru rigafata isura y'intambara rikarwana bigatinda.

Hari ibyiza byinshi tutakwirengagiza ko *Kangura* yagejeje ku basomyi bayo. Siniriwe mbitindaho kuko abasomyi babizi akaba ari nayo mpamvu bakunda iki kinyamakuru; ikindi kandi nzi ko abantu bakunda kwisomera amakuru mabi. *Kangura* nayo ntiyatezutse kuyabagezaho. Nko mu nimero za mbere eshatu, yibanze ku bya

KA02 1163



KA021163

Kajeguhakwa na Kigeli. Usanga zari zigamije kubamenyesha ko umwami wahoze ari uw'u Rwanda agiye kugaruka, akaza muri za «stade» tukamubyinira. Ubwo zanatwibutsaga ko twari twugarijwe na za ngegera mwese, nako abenshi mudakunda. Abarwanyaga *Kangura*, bavugaga ko NGEZE Hassan yari umunyamatiku, ko yandikaga ibyerekeranye n'urwangano yari yihariye hagati ye na ba RAVI na Kajeguhakwa. Ibyo ngo byari ukurangaza abaturage. Ndetse nyuma ya nimero ya gatatu, yafungiwe ko ngo yandikaga ibyashoboraga guteza umwuka mubi hagati y'amoko. Nyamara uko byagenze murabizi, ahubwo ubu ibinyamkuru bimwe (nk'*IJAMBO Nº 10*) bisigaye bimwita umuhanuzi, ngo ni «héros national» wari ukwiye kubihemberwa.

*Kangura nimero ya kane* yanditswe ibyahanuwe bitangiye gusohora. Nta busharire bwari muri iyo nimero, uretse ko NGEZE yagaragazaga ko yafungiwe akarengane, ari nabwo yatangiye kwibasira abacamanza bamwe na bamwe (cyane cyane uwitwa NKUBITO) asa nk'aho ari bo yivuganye. Aha turabona ko NGEZE yaba yaritiranyije abacamanza (abantu ku giti cyabo) n'amategeko bagenderaho. Mu by'ukuri ndakeka ko atari umuntu runaka ufunga, ko ahubwo hari itegeko rihana. Kandi biramutse bitaragenze gutyo, ntabwo *Kangura* ari ikinyamakuru cyasimbura inkiko NGEZE akwiye kuregeramo abo bantu ku giti cyabo. Ntabwo akwiye kwitwaza ko yagiriye neza igihugu ngo yihembe guharabika abantu mu kinyamakuru yashinze, ayo siyo makuru Abanyarwanda bashaka.

Icyaba cyararakaje NGEZE cyane, ni uko yafunzwe adatangaje ibyo yari azi byose, kandi umuntu akabona ko n'iyo adafungwa izo mvururu zitari kuba hagati y'amoko.
Abanyarwanda ubu barajijutse, ntabwo inyandiko (n'iyo yaba ikanyaze ite) yatuma basubiranamo kandi bazi aho amahoro n'ubumwe bibagejeje. Ikibigaragaza ni uko n'intambara y'Inkotanyi ziganjemo Abatutsi itatumye amoko asubiranamo. None se twavuga ko ifungwa rya NGEZE ari ryo ryatumye Abanyarwanda bitonda? Oya.

Ikindi kigaraga ni uko *Kangura*, n'ubwo idashyigikiye ivangura ry'amoko, isa n'idashyigikiye ivanga ry'ayo moko. Yego n'ubundi iryo vanga ryarananiranye, ariko *Kangura* yo isa n'idashyigikiye Abatutsi na gato. Ibyo ndabihera cyane cyane kuri ariya mategeko yasohotse muri nimero ya gatandatu, nk'irya kane rivuga ngo «Buri Muhutu agomba kumenya ko buri Mututsi ari indyarya, ko akorera guteza imbere Gatutsi gusa». Nk'ibi se ni nde wabyemera? Ubwo se muri iki gihe tugezemo, *Kangura* ishaka kutwemeza ko hariho ubwoko bubi n'ubwiza? Ubwo se twaba dutaniye he na ba bazungu bo muri Afurika y'epfo? Ntawe uyobewe ko Abatutsi bose atari babi, kandi ko Abahutu bose atari beza. None se NGEZE iyo aza kuba yaravutse ari Umututsi yari gusohora ririya tegeko? Sinabihamya.

Muri iyo nimero ya gatandatu, NGEZE yagarutse kuri ba bacamanza, ndetse asingira n'abaminisitiri bamwe atibagiwe n'uwo bita «Muvoma»
Uretse ko tutaramenya aho uburenganzira bw'umunyamakuru wigenga bugarukiye, turebye ukuntu yasabye «byihutirwa» Umukuru w'Igihugu guhindura za minisiteri, twabona ko ari ugutinyuka gukabije, ari na cyo cyatumye mvuga ko *Kangura* ikataje. None se ubwo iki kinyamakuru cyaba cyizera nde?

Aha ndabona ko cyari gikwiye kugabanya umurego kimwe n'ibindi binyamakuru byigenga mu Rwanda. Umva amakuru ntabwo abuze; none se kwandika ko runaka adashoboye akazi, nk'ayo ni amakuru yubaka kandi afitiwe ibimenyetso? Ese umuntu ushoboye akazi 100% mwamutuma *Kangura* yamukura he?
Nkaba nasaba NGEZE gukomeza gushakashaka nk'uko byagaragaye ko abishoboye, ariko agatungira agatoki ubutegetsi gusa, ntashake no gukora akazi kabwo.

Hari n'abibaza bati ese ikibazo cy'Inkotanyi nikirangira, *Kangura* izandika iki? NGEZE azabona amakuru, dukurikije umurava agaragaza abona nk'amateregaramu kandi atajya agira kopi.
Icyo *Kangura* izirinda ni ukubwira abantu ngo nimukanguke murwane, cyangwa ngo nimwange runaka. Agatotsi kari kayirimo ni ako kwitiranya abantu ku giti cyabo n'amategeko bagenderaho. Naho abavuga ngo *Kangura* ishyigikiye Leta ya HABYARIMANA, bo turaberuriye ni byo. Ahutwo utayishyigikiye ntazongere no kudusomera ikinyamakuru. Gifite umurongo kigenderaho: gushyira ahagaragara amafuti cyabonye kandi gifitiye gihamya. Naho abashyigikiye wa mushoferi wayo, ni abanga ayo mafuti nkawe, kandi ni benshi.

*Umusomyi wa KANGURA.*

# TURACYABESHYUZA INKOTANYI.

Imwe mu mpamvu Inyangarwanda zitwaje zitera Igihugu cyacu ngo ni uko u Rwanda rutitaye ku kibazo cy'impunzi: ntaho bishingiye.

Njye ku giti cya njye nabera umugabo Umukuru w'Igihugu cyacu Milita Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali.
Dore ibyo niboneye ubwanjye:

Mu ruzinduko rwa mbere Umukuru w'Igihugu yagiriye mu Budage bw'iburengerazuba mu kwezi kwa 3/1977 (dore hashize imyaka 14 — Repubulika ya kabiri nibwo yari igitangira) yakiriye Abanyarwanda bose bari mu Budage. Aho yatwakiriye twari nka 30, ku buryo yaramutsaga buri wese amuha umukono, kandi ari ko atubaza uko tumerewe, ibibazo n'ingorane dufite. Twari abantu b'ingeri zose (abanyeshuri, abakora sitaje (stage), abakozi etc.)

Ageze k'uwitwa NDEJURU Aimable (waba yarigize impunzi), Umukuru w'Igihugu amubaza amwinginga (nari mpagaze aho hafi) ibi bikurikira:

— *Watashye, utinya iki ko mu Rwanda ari amahoro?*
— *Habuze iki ngo utahe; ukimbwire rwose njye nkwijeje ko wataha, niba hari ikibuze ukimbwire.*

Ubwo nyiri ukubwirwa yabuze icyo asubiza, amubwira ko hari amasomo agikurikiranye, kandi ubwo yarakoraga ari porofeseri mu ishuri rikuru rikomeye ryo mu Budage.

Murumva namwe ko igihe Umukuru w'Igihugu abwiriye umuntu mu ruhame burya aba abwira bose ntabwo aba abwira umuntu umwe gusa.

KA02 1164

None aho igihe kigeze, uwo muntu wabwirwaga yaratashye? Nta bandi se baba barumviye aho ngaho?

Icyo gihe ndetse mu ijambo Umukuru w'Igihugu yatubwiriye aho (hari abanyamakuru ba Radiyo-Rwanda na A.R.P. ((*Agence Rwandaise de Presse*) (*barebye muri archives z'uwo mwaka babisangamo*), yavuze ko iby'amoko n'uturere twabirenze, kuko nta n'umwe wahisemo kuvukira aha n'aha, cyangwa ngo ahitemo kuvuka ari uwo mu bwoko ubu n'ubu.

Nkaba mbona rero biriya bihuha inyangarwanda zakwije ntaho bishingiye. Kuvuga ngo u Rwanda ntacyo rwakoze mu bikorwa by'amajyambere nabyo ni ukubeshya; ikimenyimenyi ni uko kuva Repubulika ya kabiri yashingwa (cyane cyane mu myaka 1977 — 1980), u Rwanda rwateye intambwe ndende cyane ku buryo Abanyaburayi ahubwo bari bafite impungenge ko u Rwanda rwiruka cyane bikabije, birenze urugero.
Ndetse nko mu Budage, kuva icyo gihe bahoraga berekana kuri televiziyo y'aho ishusho nziza y'u Rwanda, bavuga ko u Rwanda rugomba kuba urugero rw'ibihugu bitaratera imbere mu majyambere. (On présente le Rwanda comme modèle de développement pour les pays sous-développés).
Ubu ku isi yose, cyane cyane Abanyaburayi, yewe n'Abanyamerika wasangaga babaririza aho u Rwanda ruherereye, bose bashaka guhurura ngo baze kwibera mu Rwanda.
Amahoro yari mu Rwanda ni nk'igitangaza (miracle) (byose kandi tubikesha Perezida HABYARIMANA Yuvenali), kuko nta handi nari ndabona kuri iyi si dutuyeho hashira imyaka irenze 15 nta kantu k'imvururu kahabaye. Uwaba azi igihugu nk'icyo ku isi azakitubwire.

Abo banyaburayi rero batangarira u Rwanda bavuga ko ibyo bagezeho mu myaka ijana (100), u Rwanda rushaka kubigeraho mu myaka makumyabiri (20) (kandi sibo gusa, muzitonde mubare umubare w'abakuru b'ibihugu bakandagiye i Kigali cyangwa izindi délégations).

Iyo ntambwe n'iryo shema tubikesha Repubulika ya Kabiri. Reba nawe ukuntu u Rwanda rwari rumaze kumenyekana neza kuri uyu mugabane w'Afurika (ni ruto, ariko rukomeye ku ibanga ryarwo ari wo muco bose ku isi batangarira, ahubwo wasanga u Rwanda ari yo ya paradizo bavuga muri bibiliya).

Milita Umukuru w'Igihugu cyacu mukomere ku ntego yanyu mwiyemeje (erega ni igihango). Abanyarwanda bazi gushyira mu gaciro, batagira umurengwe, bose baragushyigiye kandi bazabikomeza.

Ndangije nshimira abazagira icyo bongera kuri iyi nyandiko n'ubwo ari ngufi cyane.

*Victor HABIYAMBERE*

*BUSORO/NYAMYUMBA/GISENYI.*

---

**Kajeguhakwa Valensi yarwaye ubuhe bwoko bw'ibikanu?**

**Yatorotse anyuze muri Zayire yambukiye kuri Goma. Yaje gutunguka muri Uganda. Uwo ni Kajeguhakwa Valens. Mbere yo kuhafata yatsinze inka, abwira umunyagikari ko ayibagiye imbwa ye. Akomeza amubwira ko zizajya gushira yahindukiye.**
**Ubu inyama zarashize. Imbwa isigaye yibaza ubwoko bw'ibikanu shebuja yaba yararwaye bituma amara iki gihe cyose atarakebuka. Dore icyo ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko Inkotanyi zari zizeye gufata u Rwanda mu minsi mikeya none amasinde aranze abaye ikigunda.**

*Issa NYABYENDA.*

---

## IMPUNZI ZABA ZARATEWE N'IYI NTAMBARA ZIRASHAKIRWA AHO ZITARI:

Muri iyi minsi abanyeshuri b'Abanyarwanda biga kuri Goma barimo abashyizwe ku malisiti y'impunzi. Inkuru yarumvikanye nyamara bamwe banga kwizera amatwi yabo yayakiriye. Umuntu utaha mu gihugu cye yaba impunzi ate? Ibidashoboka byarashobotrse.

Mu by'ukuri, abanyeshuri banditse kuri ayo malisiti bemeza ko bahabwa amazayire ibihumbi mirongo itatu. Bakabwirwa ko ari ayo kubatasha mu bibazo bahuye nabyo kubera iyi ntambara. Kandi hakaba hatoranywa abanyeshuri bakomoka mu maperefegitura ya Kigali, Butare, Gitarama, Byumba...

Ikindi ni uko ubishatse atanga fotokopi (photocopie) y'irangamuntu ye, amafoto abiri magufi, maze agasinyira ko abaye impunzi n'impamvu ibimuteye. Nyiri ukubikora yemererwa kuzajya ahembwa amadolari magana atanu ku kwezi. Uwo mushahara rero ushobora kuba ari uwo kureshya Abanyarwanda ngo babe impunzi.

Abasesenguzi b'ibyo bintu bemeza ko ayo malisiti agamije kwereka amahanga ko ubutegetsi buriho budakunzwe na rubanda. Kubera ko nyine ibuhunga.
Ariko se kugira umuntu impunzi ubanje kumushukashuka murabona bidateye kwibaza?
Murabona bidateye kwibaza niba H.C.R. (Umuryango wita ku mpunzi) ibereyeho gutuma habaho impunzi mu buryo butajyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu?

*Issa NYABYENDA.*

---

# HATEGEKIMANA JUSTIN YABA ATISHIMIYE IMIKORERE YA BAMWE MU BAVUGIRA KURI RADIO-RWANDA.

*HATEGEKIMANA Justin*
*Commune KAYOVE*
*GISENYI.*

*GISENYI, kuwa 7 Ukuboza 1990.*

*Uburyo bwo kurwanya «IMPUHA»:* Intwaro ya mbere «*ORINFOR*».

*Muri iyi minsi igihugu cyacu cyatewe n'abanzi baturutse mu Bugande, abantu benshi batangajwe n'ukundu Radiyo-Rwanda itigeze ikora programmes zihuye n'ibihe turimo. Rwose biteye isoni kubona buri gihe Perezida wa Repubulika ariwe ubwira abaturage aho ibintu bigeze muri za disikuru yagiye avuga. Uretse inshuro imwe abanyamakuru ba Radiyo-Rwanda bagiranye ikiganiro n'Umukuru w'Igihugu (bonyine), hari ikindi gihe bigeze basaba kubonana nawe?*

*Twese tuzi ko Perezida wacu aba ashaka kutubwira uko ibintu bimeze. Nawe se habure umunyamakuru n'umwe wakwibwiriza ngo akore «éditorial» mbere y'amakuru (ay'ikinyarwanda n'ay'igifaransa)!! Iyo ngeso yo guhishahisha ibintu ku bushake niyo ikurura impuha. N'ubwo bamwe batangiye kwibaza bati «finalement impuha ni iki?». Ikintu cyose gisigaye kivugwa kikitwa impuha!!! Mbabwije ukuri ko ntawe ushobora kubuza abaturage kuvuga icyo bashaka kuko nayo ni demokarasi. Ikibi ni ugusebanya*

KA02 1165

*cyangwa kuvuga (cyangwa kwandika) ufite indi migambi mibi uhishe inyuma.*

*Mu bihe nk'ibi amagambo ntabura ahubwo mbabwiye ko abanyarwanda bitonda kuko mu bindi bihugu baravuga birenze urugero!! Kugeza ubu abantu bibaza impamvu abanyamakuru bavuga kuri Radiyo-Rwanda nta bushobozi bafite (mbese abenshi ntibabikwiriye). Nawe se ntiwambwira umunyamakuru udashobora kuvuga itangazo ryanditse mu gifaransa!! Dipolome ntabwo ihagije kugira ngo umuntu avuge kuri Radiyo. Mu bindi bihugu bakora sélection bakurikije ibintu byinshi harimo* n'ijwi. *Barya bakobwa (cyangwa abagore) bavuga amatangazo na bu Kayombya batazi kuvuga igifaransa ntabwo bashimisha ababumva! Mu makuru mu kinyarwanda Nizeyimana Jules yari akwiye kuvamo kuko avuga ibintu umuntu akibaza niba azi gusoma ikinyamakuru bikamuyobera!!*

*Mu gifaransa naho Ntigura Liliane nta mwanya yagombye kuhagira kimwe n'Agenesta Mukarutamu kuko bavuga bategaguzwa n'amajwi yabo umuntu akumva nta kigenda. Ese Abanyarwanda bazi kuvuga neza ikinyarwanda n'igifaransa barabuze?!*

*Rwose baza abantu wumve: nk'amakuru avuzwe na Sother na Aimable wumva aryoshye koko kimwe n'igifaransa kivuzwe na Jean-François Nsengiyumva. Rwose ntawe ngamije gusebya cyangwa kubikira imbehe munyumve neza ariko Radiyo yacu igire agaciro kayikwiriye kuko birambabaza iyo numva abantu bibaza bati kuki Radiyo z'ahandi zibona abanyamakuru bavuga neza, iyacu ikababura?*

*Rwose muziyumvire Bujumbura!!*

*Na none kandi abantu bibaza impamvu abanyamakuru bamaze kumenya kuvuga neza babajyana ahandi!*

*Urugero: Pie Nzeyimana, André Nambaje, Balthazar Nduwayezu n'abandi. Ba Martin Mateso se bo baba hehe? Porogaramu z'indirimbo zasabwe n'igitaramo nibigabanuke ariko hajyeho izindi porogaramu zikwiranye n'ibihe turimo maze murebe ko ak'impuha kadashoboka!! Hari umumilita wambwiye ati:*

*«ORINFOR yari ikwiye kuba minisiteri kandi n'abakozi ifite baruta aba minisiteri nyinshi bityo tukagira minisitiri w'Itangazamakuru wajya abeshyuza ibihuha bivugwa hanze y'igihugu bidusebya n'ibivugwa mu gihugu ubwaho bityo na Leta ikaba igize umuvugizi wa Guverinoma».*

*Kubona amakomini yabayemo intambara muri Byumba yiyemeza kwishyiriraho utunyamakuru twayo two gusobanura uko intambara imeze birerekana ko ORINFOR yagombye kwikubita agashyi. Niba havutse impuha mu gihugu, ORINFOR nifate iya mbere izibeshyuze naho ubundi impuha mu gihugu zizagumaho. Mwibaze nk'inkuru y'umutagisimeni (taximan) waroshye abanyeshuri muri Nyabarongo iyo itabeshyuzwa aho yari kugera!!*

*Inanga zibanziriza amakuru nazo ni ndende ku buryo hari hakwiye imwe ngufiya ibanziriza ijambo rya Perezida wa Repubulika.*

*Hagati aho twishimiye porogaramu y'icyongereza. Ese ubundi yari yarakuriweho iki?*

*Rubanda rurifuza abanyamakuru beza kandi ntabwo babura. Yego amikoro ni makeya, ariko burya hari ibintu bigomba kubahwa mu bihugu byose by'isi: ibyo ni Radiyo y'igihugu na televiziyo.*

*Mugire amahoro!*

*HATEGEKIMANA Justin.*

**Duteze amaso ubuhanga n'imigambi myiza y'Umuyobozi mushya wa ORINFOR.**

# MAJYAMBERE SILAS WO MU NGIRWASHYAKA UPR YABA AGIFITE IBYITSO MU RWANDA?

Kuva ubwo inyangarwanda zigabizaga Igihugu cyacu zikagitera, umugabo witwa MAJYAMBERE Silas, ntasiba gusebya u Rwanda n'abategetsi barwo akoresheje ibinyamakuru byo mu mahanga. Izo nyandiko zose anyuza muri ibyo binyamakuru, agenda yemeza ko akiri Perezida w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda. Inyandiko nk'izo rero iyo zitavuguruzwe, amahanga yemera ko ibizivugwamo ari ukuri. Twese tuzi kandi ko MAJYAMBERE yari yarasezerewe kuri iyo mirimo mbere y'uko atoroka Igihugu.

Abantu benshi rero bakomeje kwibaza impamvu ubuyobozi bukuru bw'Umuryango butavuguruza inyandiko MAJYAMBERE akwiza mu mahanga yitwaje umwanya yavanyweho, kandi akaba yarawuvanyweho n'Inzego Nkuru z'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda! Kangura rero yagerageje gukurikirana icyo kibazo kubera ko abantu benshi bakomezaga kucyibaza. Kangura yaje kumenya rero ko mu Muryango w'Ubucuruzi n'Inganda, hajemo amakimbirane hagati y'abagize Inama Nkuru y'uwo muryango (Bureau National), n'Umunyamabanga Mukuru wayo (Ségéral). Amakimbirane yaturutse kuri icyo kibazo cyo gushaka kuvuguruza inyandiko za MAJYAMBERE.

Abagize «Bureau National» bafashe **icyemezo cyo kwohereza mu binyamakuru by'amahanga,** inyandiko ivuga ko MAJYAMBERE atakiri Perezida w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda. Bemeje kandi no gushyira muri iyo nyandiko impamvu zatumye Inzego Nkuru z'Umuryango zifata icyemezo cyo kuvana MAJYAMBERE ku buyobozi bw'Umuryango. Ubwo abagize «Bureau National» bategetse Ségéral kwihutira gutegura iyo nyandiko, kuko ari we «technicien» w'Umuryango. Ségéral ngo yaba yarababwiye ko we ubwe yandikiye MINAFET, ayisaba kumenyesha abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, ndetse n'abahagarariye u Rwanda mu mahanga, ko MAJYAMBERE atakiri Perezida w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda. Ségéral ngo akomeza avuga ko yoherejе na za «Telex» mu miryango isanzwe ikorana na «Chambre de Commerce», ayimenyesha ko MAJYAMBERE yavanyweho.

Abagize «Bureau National» bakamubwira bati: «ibyo wakoze turabishimye, ariko natwe dutegurire inyandiko tuyohereze mu binyamakuru byo mu mahanga». Bati: inyandiko zisomwa n'abantu benshi, bati ni nayo mpamvu MAJYAMBERE nawe arimo yahisemo kunyuza inyandiko ze, kugira ngo abantu benshi bo mu mahanga basome uko asebya u Rwanda n'abategetsi barwo. Ségéral w'uwo Muryango abwira abagize «Bureau National» ko we abona ko amabarwa yanditse ahagije, ko abona atari

KA02 1166

ngombwa kwandikira ibyo binyamakuru. Ngo ibyo byakuruye impaka ndetse hagati y'abagize «Bureau National» na Ségéral wabo. Bo bakamwumvisha ko ubwo Majyambere aharabika u Rwanda abinyujije mu binyamakuru byo mu mahanga, ari ngombwa ko n'inyandiko imubeshyuza nayo yanyuzwa muri ibyo binyamakuru, ko inzandiko zisanzwe zidasomwa na benshi. Ségéral agakomeza kugaragaza ko atari ngombwa, ko abona ko amabarwa yanditse ahagije.

Ngo izo mpaka zageze ubwo abagize «Bureau National» bamubwiye ko «Bureau National» ari yo itegeka, ko we agomba kubahiriza ibyo imutegetse. Ségéral ababwira ko:

- Umuryango w'Ubucuruzi utagomba kuba igikoresho cy'abanyapolitiki.
- Abo MAJYAMBERE yanditse bagomba kuba igikoresho cy'abanyapolitiki.
- Secrétaire Général atashyiriwcho kurwanya MAJYAMBERE.

Abagize «Bureau National» bamusobanurira ko amategeko y'Umuryango aha «Bureau National» ububasha bwo gufata ibyemezo, kandi ibyo byemezo bikubahirizwa na Ségéral. Ko rero bamutegetse gutegura iyo nyandiko, kandi Umuryango ukazatanga n'amafaranga yo kuzariha.

Kangura na none yamenye ko abagize «Bureau National» bategereje iyo nyandiko bakayibura, kubera ko Ségéral yagiye ashaka amayeri yose yatuma iyo nyandiko idasohoka. None ngo mu minsi yashize, abagize «Bureau National» bafashe icyemezo cyo kuzayikorera ubwabo, kuko babonye ko Ségéral wabo adahirijwe n'iyo nyandiko. Kangura yamenye kandi ko uwo Ségéral yanze gushyira mu Kinyamakuru cy'Umuryango, ibyemezo Inteko Rusange yafashe kuva ku wa 24 Nyakanga 1990, ubwo yirukanaga burundu MANYAMBERE ku buyobozi bw'Umuryango. Dore amezi 5 arashize, kandi Inteko Rusange yari yasize itegetse Ségéral kwihutira kubisohora mu kinyamakuru cy'Umuryango.

Byongeye kandi, uwo Ségéral yanze gusinya ku nyandiko-mvugo (kandi ari we mwanditsi wayo) y'inama y'Inteko Rusange yo ku wa 27 Werurwe 1990, ubwo iyo nteko yahagarikaga by'agateganyo MAJYAMBERE ku buyobozi bw'Umuryango. Uwo Ségéral yavuze ko ngo: «Arrêté» imushyira muri Chambre de Commerce itari yagasohotse! Nyamara kandi Perezida wa Repubulika yari yabivugiye mu nama ya «Gouvernement». Ministri w'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi, yari yaramaze kumwereka abagize «Bureau National», ndetse n'abagize Inteko Rusange y'Umuryango. Kwitwaza ikintu nk'icyo rero kidafashije kugira ngo uhunge imirimo ushinzwe, ni ibintu bibabaje cyane. Kugeza ubu rero umuntu yakwibaza impamvu uwo Ségéral agenda ahunga ibintu byose byatuma rubanda nyamwinshi bamenya amakosa ya MAJYAMBERE. Ibyo bintu binabaye ngombwa byabazwa abagize «Bureau National», ntabwo byabazwa Ségéral. Kwanga rero kubikora wasanga bihishe byinshi. Ibyo byanatumye n'abagize «Bureau National» bata icyizere bari bafitiye Ségéral wabo BIZIMANA Aloys.

Bimaze kumenyekana ko MAJYAMBERE yamaze gushinga ishyaka rya POLITIKI. Uriya mu Ségéral rero wanga ko amakosa ya MAJYAMBERE agaragazwa mu binyamakuru by'amahanga, ashobora kuba yitegura no kumushyigikira muri UPR. Kandi rero ubwo ari Ségéral mu bacuruzi n'abanyenganda, yaba amushyigikiye ahakomeye, kuko abo bantu ari bo banyemari mu gihugu. Ishyaka bashyigikira rero ryakomera cyane, kandi birumvikana.

MAJYAMBERE wasahuye umutungo w'Igihugu, akawujyana mu mahanga, akawuha inyenzi zikaguramo intwaro zo gutera urwamubyaye, ubu akaba arimo kuruharabika mu mahanga, agiye kuzabona abayoboke mu ishyaka rye, abenshi akazabaheshwa n'iriya myifatire y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda.

*KANGURA.*

# MURI DEMOKARASI ABATEGETSI BAGOMBA GUSOBANURIRA ABATURAGE IBYO BAKORA!

## NGO HARYA USHAKA AKAGOZI AZONGERE ATUNGE AGATOKI BARIYA BATEGETSI?

Aho *KANGURA* N° 6 isohokeye bamwe mu bategetsi ntibagisinzira. Ariko rero ikibabaje ni uko abasomyi batumva kimwe ibyanditswe.

### KANGURA SI IKINYAMAKURU?

Njye narumiwe kandi nagize ubwoba maze kumva ibisobanuro Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yahaye umunyamakuru wa ORINFOR ku kibazo yamubarije i Byumba ku itariki ya 26 Ukuboza 1990.
Nawe se, kubona yarabajijwe ku cyo atekereza ku byo ibinyamakuru byamuvuzeho ko ngo yaba yari azi ko tugiye guterwa ntagire icyo akora, akihanukira ati «*KANGURA* ntabwo ari ikinyamakuru ahubwo ni gashozantambara!» Ibyo bihuriye he? Niyisobanure rero; natubwire aho ukuri guherereye, nanyomoze ibinyoma bya *KANGURA*. Nadusobanurire impamvu *KANGURA* atari ikinyamakuru! *KANGURA* si ikinyamakuru kubera ko itumenyesha ukuri? Niba mutatubwiye ukuri, tuzemera ibyo *KANGURA* ivuga kuko kugeza ubu ntacyo yari yatubeshya. None se Umuyobozi wayo ntiyafunzwe azize kutuburira ko tugiye guterwa? None se ntitwatewe nk'uko yabivugaga? Igisubizo cya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini rero ntigihamye, ntikinanyuze. Yanyuze iruhande ahanda *KANGURA*.

### ORINFOR NINYOMOZE KANGURA.

Mbe nyir'ubwite azananirwa kwisobanura, yiyambaze abanyamakuru ba ORINFOR. ORINFOR ihuriye he na MININTER? Ntabwo rwose ORINFOR ariyo ikwiye gusobanura inyandiko na telegaramu zoherererejwe

KA02 1167



MININTER. Buri muntu akwiye gusobanura ibikorwa bye ntabwo ari undi wundi ugomba kubimusobanurira. Minisitiri nasobanurire abaturage ibikorwa bye (*transparence*) cyane cyane iyo abisabwe. ORINFOR iti dusobanurire; undi ati mubisobanure ari mwe! Birababaje!!

Nta wavuga rwose ko KANGURA ntacyo yakoze kuko na MININTER yiyemereye kumugaragaro ko KANGURA yatumye yikubita agashyi akarushaho umurava. None se ntitwavuga ko KANGURA yamukanguye! KANGURA ni ikinyamakuru rero n'abyemere....

**ITERABWOBA NA DEMOKARASI NTIBIJYANYE.**

MININTER aho kwisobanura, ati ahubwo abo banyamakuru bagomba gukurikiranwa. None se ko atatubwiye aho bamubeshyera ngo tumenye ukuri icyaha kizatuma bakurikiranwa ni ikihe? Njye ndabona ibyo ari iterabwoba kandi aribyo twanze. Erega ninkaho yavuze ati abo banyamakuru bakwiye ikiboko kuko bamuvuze nabi. Byaba bitaniye he n'ibya kera?
Ibyo MININTER yavugiye i Byumba byaje bisanga ibyo MINIJUST yavugiye ku Kibuye nawe nduzi ko yasabiraga KANGURA gukurikiranwa.

Njye ndumva ibintu bitoroheye abanyamakuru bikorera kandi bafite ibinyamakuru byigenga. Twari dukwiye kumenya ko turi muri Demokarasi umuntu akwiye kuvuga ikiri ku mutima igihe cyose ibyo avuga ari ukuri kandi abifitiye gihamya. Niba kanaka yavuzwe nabi kubera amafuti ye ntibikamubabaze ahubwo bitume yikosora, niba abeshyewe afite uburenganzira bwo kunyomoza nyiri ku muvuga. Iyo izaba ari intabwe ya demokarasi. Naho ubundi turareba tugasanga bariya bagabo bombi bashoboye kuvugira kuri Radiyo ibya banditsweho bataradusobanuriye ahubwo baraciye iruhande rw'ibyo abanyamakuru bababajije.

Nidukomeza kugendera ku iterabwoba nta demokarasi tuzaba dufite tuzakomeza tuniganwe ijambo kandi HABYARIMANA yarabyanze, twari dukwiye no kuzirikana ko Inkotanyi aricyo zitwaza ziturega. Ibyo rero byaba ari uguha abanzi ibimenyetso by'ibyo turegwa.

**AMAKOSA YA KANGURA NI AYAHE?**

Ndahamya ko KANGURA ikunzwe na rubanda nyamwinshi kuko abasomyi benshi twaguze KANGURA nº 6 tuyibitse aho imvura itangwa; ibyo bikaba byerekana ko ibyavuzwe bishobora kuba bifite ishingiro n'akamaro; iyo iba nimero y'amatiku ntabwo iba yaraguzwe. Icyo nasaba abategetsi ni uko bafata ya KANGURA nº 6 bakayisoma neza bagashishoza basanga nta kibi kirimo. Bamwe ngo baba baragize ubwoba bwo kuyisoma, bibonye ku gifuniko bahita babira icyuya. Abo bantu nibatuze.

Ariko rero ubwo badashoboye kwisobanura. KANGURA ntacyo ibeshya, nta makosa ifite. Ariko KANGURA (ndetse ibinyamakuru byose) ntiyarikwiye kutubwira amakosa y'abategetsi gusa ahubwo izajye yibuka no kutubwira abakora neza mbese yandike ibigwi byabo.

**NTAKWIJUNDIKA AMACAPIRO.**

Abasomyi muri iyi minsi twari dusigaye twijunditse za Imprimeries (amacapiro) kubera ko bavuga ngo zaba zidahitisha inyandiko zose kubera gutinya abategetsi bavugwa muri izo nyandiko. Ngo ahubwo bamwe bahora batelefona muri ayo macapiro babaza ibyanditswe mbere yuko bisohoka. Abategeka za Imprimeries bamenye ko bagomba kubika ibanga ry'umukiriya no gucapa neza ibyo baba bahawe. Nta muntu rero wari ukwiye kwijundika icapiro kubera ko ibisohoka mu binyamakuru bibazwa ba nyirabyo (Editeurs et rédacteurs) n'amacapiro ntakwiye kwanga inyandiko z'abanyamakuru kuko atariyo bizabazwa.

Sinarangiza iyi nyandiko yanjye ntagaye bamwe ngo biririrwa banywa cyane bamaze kumva ko ngo NGEZE Hassan bongeye kumufunga. Yewe ngo icyo «KANGURA» ni «IJAMBO» bashaka kuri mwene wabo bahoza mu binyamakuru bazakibona kandi ngo «*Ushaka akagozi azongere atunge agatoki bariya bategetsi!*» yewe ngo «*Agapfa kaburiwe ni Impongo*»...

Icyakora bikomeje gutyo, ndasanga twaba dusa n'abahunga Demokarasi, Ubutegetsi bw'abaturage butangwa n'abaturage.

Niyo mpamvu abategetsi bagomba guhora basobanurira abaturage ibyo bakora, bakanafata ibyemezo bikwiye ku byifuzo n'ibitekerezo bahabwa n'abaturage. Bitabaye ibyo byaba ari ugukorera mu bwiru budindiza amajyambere na Demokarasi nyayo.

*Umusomyi wa KANGURA*
*NZABANDORA Fidèle Nyakabanda KIGALI*

---

**NGEZE HASSANI intumwa y'abasomyi yiswe umujura wa za Telegaramu.**

**Ibyo hari umutegetsi uherutse kubivugira ku Kibuye. Icyo twibaza. Ese n'iyi NGEZE yarayibye koko?**

TELEX

```
ZCZC 419/5064
KIGALI 33/32 21 1135

OFF
MONSIEUR NGEZE HASSAN
C/O GISENYI -INFO
B.P. 19
GISENYI

NO A/1058/D.11/A/PRORE
MONSIEUR NGEZE HASSAN PRIERE VOUS PRESENTER AU PARQUET DE LA
REPUBLIQUE KIGALI DEVANT L'OMP MUSHUMBA DES RECEPTION PRESENT
CABLE STOP MOTIF VOUS SERA COMMUNIQUE SUR PLACE FULLSTOP

        SUBROEEE SUBPROREP MUSHUMBA
```

TELEX

**Undi mutegetsi yageze i Byumba, ati: «Kiriya si ikinyamakuru ahubwo ni ibipapuro gusa, kandi bifite indi ntegano bishaka kugeraho». Natwe tuti: «Iyo ntegano koko irahari, ni iyo kubwira HABYARIMANA ukuri». Kandi tukamenya ko igihe cy'amashyaka menshi ibisubizo nka biriya bitazongera kubaho.**

KA02 1168

# UBURENGANZIRA BWO GUFATIRA NO KUGURISHA IBICURUZWA BY'INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO BWEMEWE N'INZEGO ZIBISHINZWE.

Umwaka w'igihumbi magana cyenda mirongo cyenda, umunsi wa 5 w'ukwezi k'Ukuboza.

Twebwe, HATEGEKIMANA Yohani, Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, dufashijwe na KABANYANA Emerita, Umwanditsi warwo;

Tumaze kubona ikibazo twagejejweho na Bwana Perefe wa Perefegitura y'Umujyi wa Kigali mu ibaruwa n° 309/04.07 yo kuwa 5/12/1990 asaba ko twatanga icyemezo cyo gufatira no kugurisha ibicuruzwa byafatiwe mu mangazini y'abacuruzi bakurikira, bihacururizwa cyangwa bibitswe muri za sitoki zabo mu buryo bunyuranye n'amategeko: KAMANZI Shadreki, NDAHIRO Yohani Bosiko, MUSONI Tite, RUMONGI Roger, RWAKANA Hermogène, NTAKIRUTIMANA Jean, BAYINGANA Victor, KAYIHURA Claver, KABERUKA Aloys, RUHAMYAMBUGA Paul, UWOBAHORANA Déo, KIRENGA Edouard, BAYIGAMBA Alexis.

Tumaze kubona ko abo bacuruzi bose bahunze kandi bakaba bari barahishe ibicuruzwa byinshi batabigurisha nyamara abo basize (bene wabo cyangwa abo bashakanye) bakaba babigurishaga babohereza amafaranga aho bahungiye;

Tumaze kubona inyandikomvugo y'ifatira yakorewe i Nyarugenge kuwa 30/11/1990;

Dusanze ikibazo gikwiye kwakirwa, ibicuruzwa byafashwe bikaba byagurishwa kuko harimo ibyangirika bityo ntibikomeze guta agaciro;

KUBERA IMPAMVU Z'UMUTEKANO KANDI KUKO BYIHUTIRWA:

Dushingiye ku ngingo y'i 108 y'amategeko

KA021168

yerekeye imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi;

TWEMEYE ko ibicuruzwa biri mu maganzazini na sitoki z'abacuruzi bavuzwe haruguru bifatwa bikagurishwa maze amafaranga abivuyemo akabikwa kwa Kontabule wa Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Iki cyemezo gitangiye gukurikizwa kuva ku munsi gishyiriweho umukono.

Bikorewe bityo mu biro byacu i Kigali, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

*Perezida*
*HATEGEKIMANA Yohani*

*UMWANDITSI*
*KABANYANA Emerita.*

# PEREFE WA PEREFEGITURA Y'UMUJYI WA KIGALI YABANJE KUGARAGAZA UBUGOME N'UBUGAMBANE BWA BAMWE MU NKOTANYI N'IBYITSO BYAZO.

*Monsieur le Procureur de la*
*République*
*Parquet de Kigali*
*KIGALI*

*Monsieur le Procureur,*

*J'ai l'honneur de vous demander de bien vouloir amorcer l'action publique contre les personnes reprises dans la présente.*

*En effet, Monsieur le Procureur de la République, ces personnes ont fui le pays entre le 29 septembre et le 4 octobre 1990 et il existe des indices pouvant nous amener à considérer qu'elles ont participé directement ou indirectement à la conspiration contre le Rwanda, leur fuite à la veille des hostilités étant éloquente à ce sujet. Elles seraient donc à notre sens passibles des peines prévues pour les infractions contre la sûreté de l'Etat.*

*Il y a lieu de signaler aussi qu'avant leur départ la plupart de ces personnes avaient bloqué divers produits dans leurs magasins et stocks pour probablement déséquilibrer le marché national en préparant les événements dont ils avaient probablement pris connaissance de l'iminence.*
*Aussi, avons nous eu écho du transfert de fonds vers l'étranger à l'adresse probablement des fuyards par les membres de leurs familles ou leurs amis restés au pays entrain d'exploiter leurs magasins.*

*Les fuyards concernés par la présente sont:*

1. BAYIGAMBA Alexis
   - Originaire de la Commune Muyira (BUTARE)
   - Propriétaire de la quincaillerie NOVA situé en face de l'Electrogaz, station de Kigali, il résidait à Nyamirambo.
     Il a fui vers le Burundi à bord d'une camionnette TOYOTA HILUX.
     Il a laissé son magasin fermé et un autre véhicule à Nyamirambo (un MITSUBISHI)
     Il aurait des relations de parentée avec Monsieur SISI Evariste (il serait son cousin).
2. RUHAMYAMBUGA Paul.
   - Commerçant de fripperies originaires de Buhanda (GITARAMA) qui dispose de deux stocks sur l'avenue du commerce, quartier commercial de Kigali. Il a fui le pays vers le Burundi en passant par la frontière Akanyaru Haut avec son épouse qui étudiait au Collège APACE.
     Il serait parti avec MIMIRE Joseph qui fait du commerce à Mombassa. Il serait aussi parti avec la femme de GAHIZI Thaddée. Il dispose d'une maison au Secteur Rugenge. Il serait parti pour organiser l'équipe Inkotanyi qui devait attaquer le Rwanda par la frontière Burundaise. Il serait actuellement en Belgique.
3. KAYIHURA Claver alias Mille Collines.
   - Commerçant de fripperies qui dispose d'un stock sur l'avenue Matheus et d'une autre dans les établissements NDAMAGE. Il a un grand frère à Kampala qui se compte parmi les riches commerçants.
   - Il est originaire de Nyanza et serait actuellement en Belgique ou au Kenya. Il avait d'autres dépôts de fripperies en Tanzanie. Il collaborait beaucoup avec des journalistes blancs. Même son employé qui travaillait dans ses dépôts chez NDAMAGE aurait

fui le pays vers le Burundi. Celui-ci habitait à Gatsata tout près des dépôts d'hydrocarbures non loin de la boutique de KANYAMUHANDA. Son petit frère John travaille chez SEKAMONYO Vénuste comme chauffeur, il avait une boutique dénommée **Conteneur** en face du service des Ponts et Chaussées lieu de rencontre de tous les riches TUTSI de Kigali. Il parait qu'il jouit l'intermédiaire entre les journalistes européens et les complices des Inkotanyi.

4. KAMANZI Schadrac.

— Commerçant petit frère de RWIGARA Assinapol, originaire de Kibuye, il dispose d'un magasin de cigarettes RWIGASS en face de l'Inspection du Travail à Kigali et exploité par SEBULIKOKO Yusiya alias MWALIMU de Rwamatamu-Kibuye, résidant à Muhima. Ses magasins servaient probablement à financer les complices des Inkotanyi. Il serait parti bien avant en Uganda et au Kenya pour travailler avec KIGERI V. Il devait faire partie du protocole de KIGERI V. à son retour triomphale au Rwanda.

5. NDAHIRO Jean Bosco (petit frère de SAKUMI Anselme)

— Commerçant qui dispose d'un magasin en face de l'Inspection du Travail exploité par NTABASHA alias RUGARAMA de Mugina-Gitarama et résidant à Kicukiro dans la maison de NDAHIRO. Il aurait fait partie de l'équipe de jeunes TUTSI choisis pour escorter KIGERI V de Naïrobi à Kigali.

— Il est parti le 1/10/1990 à bord de son véhicule vers le Zaïre mais il serait actuellement au Burundi où il devait aider le contingent des Inkotanyi qui devait partir de Bujumbura vers Bukavu. Il est parti un peu avant l'arrestation de son grand frère.

6. MUSONI Tite (Grand frère de BAYINGANA Victor).

— Commerçant originaire de Kibuye, qui dispose d'un magasin et d'un stock sur l'avenue Matheus et exploités par sa femme MUKANGARAMBE qui réside toujours à Kicukiro.

— Il était ami intime à RWIGARA Assinapol et beau frère de IYAMUREMYE Uzzia, un vrai Inkotanyi. Il collaborait étroitement avec KARAMUKA Aloys.

— Il se trouve actuellement au Kenya chez son petit frère BAYINGANA Victor et a commencé à exercer du commerce.

7. BAYINGANA Victor (petit frère de MUSONI Tite)

— Commerçant qui dispose d'un magasin sur l'avenue Matheus, exploité par MUSABYIMANA Justin de Rwamatamu-Kibuye et résidant à Nyamirambo.

— Il est passé le 3/10/1990 par le Bugesera en compagnie de NSENGIMANA Aloys alias GASATSI Aloys, cousin de RWIGARA Assinapol. Ils ont fui vers le Burundi à déstination de KENYA où ils résident.

— Il avait fui bien avant dans une affaire de fraude de cassitérites et était revenu pour voir l'état des maisons qui devaient être occupées par les responsables des Inkotanyi.

8. RWAKANA Hermogène

— Commerçant qui dispose d'un magasin et d'un stock situées en face de la gare routière sur l'avenue du commerce.

— C'est un vrai Inkotanyi car il avait la mission d'utiliser des bandits pour désorganiser la Ville de Kigali. Son dernier coup a été le vol perpetré chez MUJYARUGAMBA son voisin du quartier avec enlèvement de 1.500.000 Frw de son coffre par un groupe d'Inkotanyi à 17 h 00' de la journée.
Il détenait des stocks à Gatsata, Kacyiru et Remera dans sa chambre. Il aurait envoyé les clés des stocks à un certain BAYINGANA Joseph, son grand frère, commerçant du quartier commercial qui a vidé ses stocks pour lui envoyer de l'argent. Il lui a acheté un passeport pour justifier qu'il était parti se faire soigner au Kenya., le SCR est au courant.

9. RUMONGI Roger.

— Commerçant qui dispose d'un stock loué chez BUGIRIMFURA sur l'avenue Matheus et d'un autre situé chez RWANYINDO en face de l'inspection du travail. Les deux sont exploités par KAYIGAMBA Gaston, son beau frère, de Ntyazo — Butare et résidant à Remera.

10. UWOBAHORANA Déo

— Commerçant originaire de Cyangugu, qui dispose d'un magasin et deux stocks situés entre la gare routière de Kigali et le MIJEUMA et exploités par MUNYAMPUNDU Jean de Rwamatamu Kibuye, résidant à Kicukiro, Commune Kacyiru.

— Il est cousin de KABERUKA Aloys. Il est parti avec NDAHIRO J. Bosco vers le Burundi.

Il aurait été melé au coup de fraude de cassitérite en collaboration avec RWIGARA Assinapol.

— UWOBAHORANA Déo et NDAHIRO J. Bosco seraient partis en compagnie d'un certain RUTAYISIRE de Cyangugu qui semble-t-il avait organisé un mariage grandiose à Cyangugu et qui avait réuni tous les Tutsi du Kivu. La femme de RUTAYISIRE serait actuellement aux USA où elle diffuse des mensonges contre notre pays.

11. KABERUKA Aloys.

— Commerçant qui dispose d'un magasin et d'un stock situés à côté de la Pharmacie RAMJI sur l'avenue du Commerce et exploités par MUNYANDAMUTSA Jérémie de Kagano — Cyangugu et résidant à Nyamirambo.

— Ami intime et collaborateur direct de RWIGARA et d'ailleurs originaire de la même région de Cyangugu côté Kibuye, il est parti au Kenya en passant par Cyangugu emportant avec lui 35.000.000 Frw. Il devait semble-t-il accompagner KIGERI V pour lui présenter la maison royale.

KA02 1170

12. KIRENGA Edouard (petit frère de NDAHIRO J. Bosco et de SAKUMI Anselme)

— Commerçant qui dispose d'un magasin et d'un stock situés à côté de la station SGP en face de Rwanda Auto Parts et exploités par sa soeur MUNKANTWALI Epiphanie de Nyarugenge et résidant à Nyamirambo.
— Il serait parti par la frontière Akanyaru Haut vers Bujumbura.
— Il était dans le même coup que son frère NDAHIRO J. Bosco.

13. NTAKIRUTIMANA Jean (complice résidant toujours au Rwanda)

— Employé de MUNYANDAMUTSA Pasteur, grand frère de RWIGARA Assinapol. Le premier voulait être conseiller du Secteur Nyarugenge avec l'intervention directe de RWIGARA pour bien préparer l'attaque des Inkotanyi. Malheuresement, il a échoué et est parti au Kenya pour organiser l'attaque. Il serait un ami intime de RWIGEMA. RWIGARA aurait dépensé 2.000.000 Frw pour corrompre l'électorat et a donné 7 véhicules pour faire la campagne de son grand frère.

— Il disposait d'une boutique sur l'avenue Matheus exploité par BIKELIMANA de Gitesi-Kibuye et résidant à Remera. Pasteur a un demi-frère à Kampala qui s'appelle MUNYAKARAGWE Ezzechiel. Ce dernier est parti en 1985 à cause des dettes et était responsable du Comité de Cellule quartier commercial.

14. MIMIRE Joseph qui travaillait étroitement avec RUHAMYAMBUGA Paul.

— Il est originaire de Murama (Gitarama), il jouait le rôle d'intermédiaire entre les Inkotanyi et leur complices en transportant le courrier et l'argent pour acheter des maisons et des véhicules vendus aux enchères. Il serait actuellement à Naïrobi.

— Il était fiancé à la fille de RUBANGURA Uzziel qui étudie à l'APACE.

15. GAHIZI Thaddé qui travaille étroitement avec Paul. RUHAMYAMBUGA

— Il est originaire de Nyanza, il était nouvellement marié avec une fille Inkotanyi de Rwamagana qui devait préparer le mariage de KIGERI V. il faisait le commerce de fripperies dans le quartier commercial de Kigali mais sans adresse propre connue.

16. NGARAMBE Bosco qui travaillent étroitement avec RUHAMYAMBUGA Paul.

— Il collaborait avec MIMIRE dans l'achat des véhicules et des maisons vendues aux enchères.

17. SEMANZI Jean Bosco qui travaillent étroitement avec RUHAMYAMBUGA Paul.

— C'est le fils d'un certain SEMANZI de Butare qui faisait la même chose que MIMIRE Joseph.
— Il a acheté la maison de BILIKUNZIRA vers Rubilizi et les camions de KAYOMBYA Robert pour RWIGEMA.

18. BISAKAZA Privat.

— Fraudeur qui n'avait pas d'assise bien connue. Il aurait licencié son chauffeur à partir de Naïrobi, ce dernier y étant allé pour le transport de la marchandise.
— Il transmettait le courrier des Inkotanyi.
— Il serait actuellement comme un voyou dans les rues de Naïrobi.

19. RUTAYISIRE Déo qui avait un magasin à Cyangugu mais sans assise connue à Kigali.
On le voyait souvent dans le quartier Matheus à la diffusion des nouvelles des Inkotanyi.

20. KIMENYI Edouard

— Commerçant qui dispose d'une maison à plusieurs appartements en Cellule Kabasengerezi Secteur Rugenge et d'une maison d'habitation en Secteur Nyakabanda. Il est parti avec sa femme le 1/10/1990 laissant ses enfants et deux voitures dont une se trouve dans un garage non encore identifié. Il dispose d'un camion qui se trouverait à Naïrobi ou à Mombasa actuellement. Il serait en train de chercher des documents justifiant qu'il était parti pour des soins médicaux. Il faisait partie semble-t-il, du protocole qui devait arriver à Kigali en compagnie de KIGERI V.

21. MUHAWE Jean

— Originaire de Kibuye, il collaborait étroitement avec RWIGARA Assinapol et RWAKANA. Il aurait laissé ses biens à un certain NTAGANIRA Emmanuel et à SINDAYIGAYA qui a aussi fui le pays. Ce NTAGANIRA ne dispose même pas d'un registre de commerce.

22. NKURUNZIZA Charles.

— Originaire de Butare et qui habitait à Kicukiro. Il serait actuellement à Naïrobi.

23. NSENGIMANA Aloys alias GASATSI Aloys (petit frère de KABERUKA Aloys) qui dispose d'un véhicule resté dans le parc industriel chez RWIGARA Assinapol.

Il est parti le 3/10/1990 en compagnie de BAYINGANA Victor. Il serait cousin de RWIGARA et réside à Naïrobi. C'est l'un des grands courriers de KIGERI V chez RWIGARA. Il faisait partie du programme de la fusillade de la nuit du 4 au 5/10/1990.

24. MUGENZI (petit frère de KAYIHURA Claver)
Non autrement identifié.

25. IYAMUREMYE Uzzia (beau-frère de MUSONI Tite)

Il dispose d'une maison sur la rangée de l'AUDIOTEX qu'il a acheté à 17.000.000 Frw avec un certain KANYARUKIGA Gaspard. C'est lui qui a été soupçonné d'avoir tiré sur le Camp Militaire de Kigali à partir du Mont Kigali. Il fut emprisonné puis relaché, après quoi il a pris la fuite par l'Aéroport Grégoire KAYIBANDA avec un passeport Rwandais. Il avait acheté un véhicule Honda qu'il a laissé à sa sœur MUKANGARAMBE, femme de MUSONI Tite, qui l'utilise actuellement. Normalement il résidait à Naïrobi, mais était revenu pour organiser la fusillage de la nuit du 4-5 octobre 1990.

KA02 1171



KA02 1171

26. NSANZURWIMO Gaëtan résidant à Nyamirambo

— Originaire de Mugonero — Kibuye, petit frère de NYEMANZI Amon, incarceré. Il se trouve à Naïrobi actuellement. Il dispose de plusieurs camions. Son beau-père réside à Nyamirambo, il s'appelle Stany, près de PETRORWANDA. Il a raflé sa femme au Major NTEZIRYAYO Alphonse qui devait l'épouser.

27. BAHIZI Evariste non autrement identifié.

28. NTAGANDA Joseph et son frère, non autrement identifiés.

29. RUTAGENGWA non autrement identifiés.

30. RWANGABIBONA ex-chauffeur KARAMBIZI.

31. NTAGANIRA alias DODO, petit frère de MIMIRE Joseph.

32. NTAZINDA Augustin, non autrement identifié.

33. Anthère de Kigali, non autrement identifié.

34. BUTERA Ignace

— Commerçant qui dispose d'un magasin sur l'avenue Matheus. Il est incarcéré pour la participation à l'affaire Inkotanyi.

35. NTAGANDA Thomas, non autrement identifié.

36. KARAMBI Innocent, fils MUTANGANA (volta super) et non autrement identifié.

37. MURENGEZI (petit frère de Jean Huss MUGWANEZA) non autrement identifié.

38. NTAGANDA Innocent alias RUKORO, fraudeur sans assise connue.

— Il disposait d'un registre de commerce qu'il a rendu.
— Il est originaire de Kamonyi (GITARAMA) et résidait à Nyamirambo.
— Il a quitté le pays vers le Burundi en passant par le Bugesera. Il est demi-frère de KALIGAMBA Pierre. Il est beau-frère de Gilbert de la SONARWA.

39. MUVUNYI Samson (petit frère de KARUMURA, arrêté puis relaché)

— Originaire de Nyanza.
— Il dispose d'un magasin sur l'avenue Matheus.
— Il est parti pour Naïrobi après le début des hostilités puis est revenu. Il jouerait le rôle d'informateur sur l'évolution des événements à l'intérieur du pays.

40. RUCAKATSI qui travaillait étroitement avec MUVUNYI Samson et qui partageait le logement avec lui. Il est aussi parti après le début des hostilités mais n'est jamais revenu.
Les deux auraient des magasins à Naïrobi.

41. KALIGAMBA Pierre.

— Commerçant importateur qui dispose d'un magasin entre CARITAS et les Ets Rwanyindo.
— Il est parti vers l'extérieur du pays mais est actuellement revenu.
— Il est originaire de Runda — Gitarama et habite probablement à Kicukiro.
— Il travaillait étroitement avec NTANGANDA Innocent.
— Il semblerait qu'il continue à transmettre des informations aux Inkotanyi.

Il est à remarquer que la plupart de ces personnes sont groupées des chaines enchevêtrées et pratiquement impénetrables ont les plus importantes sont axées sur RWIGARA Assinapol, RUHAMYAMBUGA Paul, KABERUKA Aloys, MUSONI Tite...

Il est à constater également que plusieurs de ces personnes ont des relations de parentée et sont originaires pour une grande majorité de Kibuye et Gitarama.

Il nous revient également qu'elles avaient des buvettes préferées: Chez HITIMANA Thaddée et KIMENYI Edouard à Remera — Centre, la buvette «Conteneur» en face de l'entrée des ponts et chaussées. Aucune personne étrangère à ces groupes ne pouvait s'en approcher.

Veuillez agréer, Monsieur le Procureur de la République, les assurances de ma franche collaboration.

*Le Préfet de la Préfecture de la Ville de Kigali*

*RENZAHO Tharcisse.*
*(sé)*

Copie pour information à:

Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
KIGALI

Monsieur le Ministre de la Défense Nationale
KIGALI

Monsieur le Ministre de l'Intérieur et du Développement Communal
KIGALI

— Monsieur le Ministre de la Justice
KIGALI

— Monsieur le Secrétaire Général du Service Central de Renseignements
KIGALI

— Monsieur le Procureur Général près de la Cour d'Appel de Kigali
KIGALI

— Monsieur le Président du Tribunal de Première Instance
KIGALI

## INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO IMBERE Y'URUKIKO.

Ku itariki ya 27 Ukuboza 1990 niho Radiyo Rwanda yatumenyesheje ko urubanza rw'Inkotanyi n'ibyitso byazo rwagombaga gutangira ku munsi ukurikiyeho, ni ukuvuga ku itariki ya 28 Ukuboza 1990.

Kuri uwo munsi rero imbaga y'abantu yari yahururiye ku nzu Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yakoreragamo by'agateganyo, kuko ariyo nzu yatoranijwe kuzakira iburanishwa ry'abitwa inyangarwanda.

**Ababuranyi bo mu gatsiko ka mbere:**

1. MUNYAMBARAGA Narcisse: Yavukiye muri Muko — Gikongoro — Umututsi, afite imyaka 47 atuye ku Kimihurura — Kigali, Umuyobozi Mukuru w'Amaposita.

2. MUKURARINDA Charles: Yavukiye muri Nyamagabe — Gikongoro — Umututsi, afite imyaka 31. Umukozi wa Pallotti-Presse.

KA02 1172

3. GATERA Calipophore: Yavukiye muri Ntyazo — Butare — Umututsi.
4. NTAKIYIMANA Emmanuel: Yavukiye i Muremure muri Masango — Gitarama — Umuhutu — Umukozi wa C.E.R.
5. KARINIJABO Jean Baptiste: Yavukiye muri Nyaruhengeri Butare — Umuhutu, afite imyaka 43 — Nta kazi afite.
6. TAMBA Charles: Yavukiye i Kiramuruzi muri Murambi — Umututsi, afite imyaka 34 — Umukozi wa SAKIRWA.
7. RUHATANA Ignace: Yavukiye i Buhambe i Kibari — Byumba — Umuhutu, afite imyaka 45. Umukozi wa MINIPLAN.
8. **RUGEMA Donatien:** Yavukiye i Mugozi muri Rwamatamu — Kibuye — Umututsi, afite imyaka 43. Umukozi wa MINIPLAN.
9. NYIRIGIRA Deogratias
10. BABUBOTE David
11. HAKIZAYEZU Augustin
12. NKURANGA

Kuri abo bane umwirondoro ntabwo wari wabonelka kandi nabo ntibarafatwa.

**Ibyo baregwa**

1. Kuba bari mu Rwanda no mu mahanga cyane cyane muri Uganda hagati y'umwaka wa 1988 na 1990 baragiranye ubucuti n'umutwe w'Inkotanyi wari ugambiriye kuvutsa amahoro n'ubumwe abaturarwanda.
2. Kuba umwe ku giti cye cyangwa afatanyije n'undi barafatanyije n'Inkotanyi batera iterabwoba ndetse n'intambara.
3. Kuba bari mu Buganda barafatanyije n'Inkotanyi mu migambi yayo.

Akandi gatsiko kagizwe na:

1. KABENGERA Jean. Yavukiye muri Mubuga — Gikongoro — Umututsi, afite imyaka 31 — Ingaragu.
2. NIYONKURU Fidèle: Yavukiye i Nyakabanda muri Nyarugenge Umugi wa Kigali, afite imyaka 25.
3. KARAKE Athanase: Yavukiye muri Nyamagabe — Gikongoro — Umututsi.

**Ibyo baregwa:**

1. Kuba bari mu Rwanda batunze «Cassette» irimo ibintu bifitanye isano n'Inkotanyi.
2. Kuba NIYONKURU Fidèle yaramenye imigambi y'Inkotanyi ntabimenyeshe ubutegetsi.

Abo baburanyi bose basabye ko urubanza rwabo rwasubikwa kubera ko batabonye igihe gihagije cyo kwitegura. N'ubwo amadosiye yabo bayabonye mu gihe cyemewe n'amategeko, ngo ntabwo babonye igihe gihagije cyo kuyashyikiriza ababuranyi babo.

Urukiko rwabemereye kubaha indi minsi yo kwitegura bakaba bazongera kwitaba urukiko ku itariki ya 9/01/1991.

Tuboneyeho no gusaba abasomyi bacu baba hari icyo bazi kuri aba bantu ko bavugwa ko ari ibyitso by'Inkotanyi kubitwoherereza kugira ngo anketi zabo zijye ahagaragara muri KANGURA. Kandi n'ibimenyetso byuzuye. Abo ni aba:
1. RUHUTINYANYA
2. Anselme
3. SEMUCYO
4. RUCYAHA
5. Modeste
6. Padiri NTAGARA
7. BWANAFEZA
8. DUFATANYE
9. RWEMALIKA Eustache
10. RYEZEMBERE Fulgence
11. François wakoraga kuri Parquet Gisenyi
12. Substitut Job i Gisenyi

Dutegereje ibyo ubaziho.

Kuri KANGURA B.P. 1312 Kigali
B.P. 19 Gisenyi

# UBWISANZURE BW'ITANGAZAMAKURU NI KIMWE MU BIPIMO BIGARAGAZA KO MU GIHUGU HARI DEMOKARASI NYAYO.

Tuzi ko Demokarasi ari Ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage.

Kandi kugira ngo demokarasi ihame ni ngombwa ko ubutegetsi bw'abaturage bushingira ku mashyaka menshi.

Amashyaka menshi ni uburyo bunyuranye abaturage batangiramo ibyifuzo n'ibitekerezo byabo kugira ngo ubutegetsi bishyiriyeho burusheho kubanyura no kubateza imbere.

Ibitekerezo n'ibyifuzo byabo bishobora gutangirwa mu manama y'amashyaka cyangwa mu itangazamakuru. Bityo bikagirwaho impaka kugira ngo ibibazo byabo bibonerwe umuti.

Ni ukuvuga rero yuko igihe itangazamakuru ripfukiranwa, ibitekerezo n'ibyifuzo by'abaturage biba bipfukiranwe. Bityo umuntu akaba yakwemeza ko Abategetsi bamwe bapfukirana itangazamakuru baba banyuranije ni Ihame rya Demokarasi bahitamo gukorera mu bwiru no gukoresha iterabwoba ridindiza amajyambere.

## ABATEGETSI BAMWE BARAKAYE NGO IBINYAMAKURU BIMWE BYARABIJUNDITSE.

KANGURA Nº 6 imaze gusohoka, impaka, ibyishimo byabaye byinshi. Abenshi bati habuzeho abagabo babiri.

Ese icapiro ryarabahanaguye!

Birumvikana ko abantu batumva kimwe ibyandikwa mu binyamakuru byacu kandi abanyarwanda bakeneye amakuru nyayo. Bigitangira IJAMBO riti kanaka agomba kujya mu «bwihero» abasomyi bamwe bati bariya banyamakuru barashaka kudusenyera, abandi bati naho bari baratinze kubyandika!

Nawe se inyangarwanda zaguhitamo, zikanabitangaza mu maradiyo yose, wowe wumva utabishaka ntubavuguruze ngo ubamaganire kure rugikubita, ukishyirira agati mu ryinyo, ubwo abaguhanze amaso babuzwa n'iki kubyibazaho, no kubitekerezaho byinshi?

Mu yindi nimero y'IJAMBO bati uyu mugabo muremure mureba ni we ... Abasomyi bati abanyamakuru noneho ubanza basigaye bakorera Inkotanyi! Bati se ko uwo mutegetsi yavukanye uburebure bwe baramushakaho iki? ubwo burebure se butuma adakora akazi ashinzwe? bati aho kujijisha bavuze ibyo bamutekerezaho bikagira inzira!

SEMUSAMBI Felesiyani ati barwaye «umuraramo». Abasomyi bati umuranga uzikureba wo wabibonye rugikubita, bakibaza niba nta muti ubaho uvura umuraramo mu butegetsi bwacu.

Niyo mpamvu rero abategetsi bamwe bagomba kwiyumvisha kurushaho ko ubwisanzure bw'itangazamakuru budakwiye gupfukiranwa kandi bwemewe n'Itegeko-Nshinga n'Umukuru w'Igihugu adahwema kugaragaza ko ntawe ugomba kuniganwa ijambo kuko ari bwo buryo bwo gushimangira Demokarasi nyayo.

KA02 1173

*Vive la coopération entre l'Egypte et le Rwanda*

مرحبا بالتعاون بين مصر ورواندا

# KIGALI — LE CAIRE

القاهرة — كيجالي

# *Excellentes relations diplomatiques*

علاقات دبلوماسية ممتازة

*L'Egypte et le Rwanda entretiennent de bonnes relations diplomatiques depuis Septembre 1976.*

*Nos deux pays sont fiers de cette Coopération bilatérale dans les domaines :*
- *Social*
- *Culturel*
- *Scientifique*
- *Technique*
- *Commercial.*

ترتبط مصر ورواندا
بعلاقات دبلوماسية طيبة
منذ سبتمبر عام ١٩٧٦م.
ونفتخر بلدينا بهذا التعاون
الثنائي في الميادين:
- الثقافية
- العلمية
- الفنية
- التجارية

KA02 1174



السيد الرئيس
محمد حسني مبارك

**Son Excellence Monsieur MOHAMED Hosni Moubaraki**
**Président de la République d'Egypte.**

**L'Homme de la Paix**
**L'Ami fidèle du Rwanda**

رجل السلام
والصديق الوفي لرواندا